12. Ese inyungu ku bikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi birasoreshwa?

Itegeko riteganya ko inyungu ziboneka ku bikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi bicirirtse zidasoreshwa.

Ariko igihe igicuruzo cy'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi kigeze kuri miriyoni cumi n'ebyiri (12.000.000 Frw) mu gihe cy'umusoro, umusoro uba ugomba gutangwa.

Ese ko utamenyekanishije aba atanishyuye nta bihano bigendana n'uko kutishyura?

Iyo utamenyekanishije kandi ntunishyure, ku bihano byo kutamenyekanisha hiyongeraho 60% yo kutishyura, 10% yo gukererwa n'inyungu z'ubukererwe za 1,5% kuri buri kwezi k'ubukererwe.

Iyo umusoreshwa amenyekanishije ntiyishyure ku gihe hari ibihano ateganyirizwa n'itegeko?

Iyo umusoreshwa amenyekanishije ntiyishyure ku gihe, itegeko rivuga ko agomba kwishyura umusoro yamenyekanishije, akongeraho 10% y'ubukererwe akongeraho 50% yo kutishyura ibyo yamenyekanishije na 1,5% y'inyungu z'ubukererwe buri kwezi k'ubukererwe.

13. Ese ni ibihe byemerewe kuvanwa mu nyungu zisoreshwa?

Ni ibyujuje ibi bikurikira:

1. Ibyakoreshejwe mu birengera inyungu y'umurimo ku buryo butaziguye kandi birebana n'icungwa risanzwe ry'imirimo.
2. Kuba bihuje n'ibyakoreshejwe nyabyo kandi bigaragaza inyandiko ngaragazabuguzi nyazo.
3. Ibyakoreshejwe biganisha ku igabanuka ry'ibigize umutungo bwite.
4. Ibyakoreshejwe mu bikorwa bijyanye n'igihe cy'umusoro kirebwa.

UMUSORO UKOMOKA KU NYUNGU Z'AMASOSIYETE

14. Ni nde ugomba kwishyura umusoro ku nyungu z'amasosiyete?

1. Amasosiyete y'ubucuruzi yashyizweho hakurikijwe amategeko y'u Rwanda cyangwa yo mu mahanga.
2. Amakoperative n'amashami yayo.
3. Ibigo bya Leta bikora imirimo ibyara inyungu.
4. Amasosiyete y'ubwifatanye.
5. Ibigo byashyizweho n'Uturere, Imijyi n'Umujyi wa Kigali, mu gihe ibyo bigo bikora imirimo ibyara inyungu;
6. Amasosiyete akora nk'ayemewe n'amategeko cyangwa imiryango hamwe n'ibindi bigo uko byaba biteye kose bikora imirimo igamije inyungu.

15. Ese ni bande basonewe umusoro ku nyungu z'amasosiyete?

1. Umujyi wa Kigali, Uturere n'Imijyi.
2. Banki Nkuru y'Igihugu.
3. Ibigo bikora gusa imirimo yerekeranye n'iby'amadini, ubutabazi, ibikorwa by'ubugiraneza,iby'ubuhanga cyangwa iby'uburezi, keretse iyo bigaragaye ko amafaranga byinjije aruta ayo byakoresheje cyangwa iyo bikora ubucuruzi.
4. Imiryango mpuzamahanga, imiryango y'ubufatanye mu bya tekiniki n'abayihagarariye, iyo uko gusonerwa umusoro biteganywa n'amasezerano mpuzamahanga.
5. Ibigega bya pansiyo bibifitiye ububasha;
6. Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi;
7. Banki Itsura Amajyambere y'u Rwanda.

16. Ese igipimo cy'umusoro ku nyungu z'amasosiye giteye gite

Igipimo cy'umusoro ku nyungu z'amasosiyete ni 30 %

17. Ese umusoro ku nyungu z'amasosiyete wishyurwa ryari?

Umusoro ku nyungu z'amasosiyete wishyurwa bitarenze tariki ya 31 Werurwe z'umwaka ukurikira ukorerwa imenyekanisha. Aha bisobanura ko iyo sosiyete imaze umwaka ikora imirimo ibyara inyungu, mu mwaka ukurikira isabwa gukora imenyekanisha ry'inyungu zabonetse mu mwaka ushize. Nyuma y'imenyekanisha rya mbere sosiyeti itangira gutanga avansi mu bihembwe.

18. Ese iyo Umucuruzi ashaka guhagarika ubucuruzi bigenda gute?

Iyo umusoreshwa ahagaritse ibikorwa by'ubucuruzi agomba kubimenyesha Ubuyobozi bw'Imisoro mu nyandiko.

Yandikira Komiseri w'Imisoro y'Imbere mu gihugu amumenyesha ko ahagaritse ubucuruzi. Umusoreshwa uhagaritse ubucuruzi asabwa gukora imenyekanisha musoro ku nyungu akanishyura kugeza ku munsi ahagarikiyeho ibikorwa by'ubucuruzi. Niyo ahagaritse ubucuruzi by'agateganyo nabwo asabwa gukora ibyavuzwe haruguru, hakaba kandi hari urupapuro rwabigenewe (formulaire) yuzuza.

Asabwa na none gusubiza Registre y'ubucuruzi mu buyobozi bushinzwe kwandika abacuruzi.

Ku bindi bisobanuro mwabaza kuri aderesi zikurikira:

Ishami rishinzwe abasoreshwa
Tel: 0252595500/12
Hotline: 3004/3005
E-mail: info@rra.gov.rw
Website: www.rra.gov.rw

Imprimerie Muhima Tel: 252 573831

REPUBULIKA Y'U RWANDA

IKIGO CY'IMISORO N'AMAHORO

IBIBAZO ABASORESHWA BAKUNZE KUBAZA BIJYANYE N'UMUSORO KU MUSARURO (IR)

Gicurasi, 2013

IBYEREKEYE KWIYANDIKISHA MU MISORO

Ubundi nta muntu wari ukwiriye gutangira igikorwa kibyara inyungu atasabye ibyangombwa bijyanye n'umurimo w'ubucuruzi: Ubwo n'ukuvuga TIN, «Registre de Commerce» n'umusoro w'ipatante.

KWIYANDIKISHA

Umuntu wese utangiye igikorwa cy'ubucuruzi cyangwa ibikorwa bishobora gusoreshwa agomba kwiyandikisha mu Buyobozi bw'Imisoro mu gihe kitarenze iminsi irindwi 7 kuva atangiye igikorwa cyo gucuruza cyangwa atangiye isosiyete.

Iyo umusoreshwa amaze kwiyandikisha ahabwa nomero iranga umusoreshwa (TIN).

Kugira ngo umusoreshwa ahabwe TIN asabwa iki?

- Asabwa kuzuza impapuro zabugenewe (form)
- Kuzana ifoto ngufi (iyo ari umuntu ku giti cye)
- Kuzana sitati ya sosiyete (iyo ari sosiyete)

IBYEREKEYE UMUSORO KU MUSARURO W'UMUNTU KU GITI CYE.

1. Ni nde utanga uyu musoro?

Uyu musoro utangwa n'umuntu ku giti cye wakoze ibikorwa bibyara inyungu kandi ugatangwa buri mwaka ukurikira uwo yakozemo ibikorwa by'ubucuruzi. Byumvikane neza ko umuntu adatangira ubucuruzi ngo ahite atanga umusoro ku nyungu.

2. Utangwa ryari ?

Utangwa bitarenze tariki ya 31 Werurwe, z'umwaka ukurikira uwakozemo ibikorwa.

3. Utangwa ute?

Iyo umusoreshwa atangiye ibikorwa bibyara inyungu, asabwa kuza mu buyobozi bwilmisoro bitarenze tariki ya 31 Werurwe z'umwaka ukurikira umwaka yatangiriyemo ibyo bikorwa, kugira ngo amenyekanishe inyungu yabonye, nyuma akazitangira umusoro.

4. Ese iyo atungutse nabwo akora Imenyekanisha?

Gukora imenyekanisha ni ngombwa, k'uwungutse ndetse n'utarungutse. Iyo umusoreshwa yagize igihombo akora imenyekanisha musoro rigaragaza igihombo yagize, rigashyikirizwa Ubuyobozi bw'Imisoro bitarenze tariki 31 Werurwe, z'umwaka ukurikira uwakozwemo ibikorwa.

Icyitonderwa: Icyo gihombo itegeko ryorohereza umusoreshwa kucyimura mu gihe kitarenze imyaka itanu.

5. Ese umusoro ku musaruro w'umuntu ku giti cye ubarwa ute?

Umusoro ku musaruro w'umuntu ku giti cye utangwa mu buryo (Régime) bubiri aribwo:

1. Gusora hakurikijwe inyungu nyakuri (régime réel) ku bakora ibaruramari.
2. Gusora hakurikijwe inyungu zicishirije (régime forfaitaire) ku badakora ibaruramari

6. Ese ni bande basora hakurikijwe inyungu nyakuri (régime réel) ?

Umuntu ku giti cye wacuruje miriyoni makumyabiri (50.000.000 Frw) mu gihe cy'umwaka cyangwa n'undi wese utarazigejejeho ariko ashoboye gukora ibaruramari, itegeko rimwemerera gusora hashingiwe ku nyungu nyakuri, aho yemererwa gukura mu nyungu yagize ibyo yasohoye birebana n'ubucuruzi bwe.

Igipimo cy'umusoro ku bakora ibaruramari giteye gutya:

Umusaruro w'umwaka utangwaho umusoro (Frw)		Igipimo cy'umusoro
Guhera ku:	kugeza ku:	
0	360.000	0 %
360.001	1.200.000	20 %
1.200.001	Kuzamura	30 %

7. Ese ni nde usora hashingiwe ku nyungu zicishirije ?

Umusoro ucishirije ungana n'atatu ku ijana (3%) y'ibyacurujwe ku mwaka utangwa na ba nyir'ibikorwa by'ubucuruzi bicirititse (ni ukuvuga igiciro kiri hejuru ya miliyoni cumi n'ebyiri (12.000.000) kitarenze miliyoni mirongo itanu (50.000.000).

8. Ese abasora hakurikijwe umusoro ukomatanyije basora bate?

Ibikorwa bito bitewe n'umubare w'ibyacurujwe mu mwaka byishyura umusoro ukomatanyije nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

Umubare w'ibyacurujwe mu mwaka	Umusoro ukomatanyije ugomba kwishyurwa ku mwaka
Kuva kuri 2,000,000 kugera 4,000,000	60,000
Kuva kuri 4,000,001 kugera 7,000,000	120,000
Kuva kuri 7,000,001 kugera 10,000,000	210,000
Kuva kuri 10,000,001	300,000

Umusoro ucishirije utangwa n'abakora ubucuruzi bucirititse ntiwambura ntiwambura abari muri urwo rwego bashoboye gukora ibarura mari uburen ganzira bwo gusora hakurikijwe inyungu nyakuri.

9. Ese iyo umusoreshwa amaze gukora imenyekanishamusoro ry'umwaka (annual declaration) aza gutanga za avansi ku musoro ku nyungu (acomptes) ryari?

Iyo umusoreshwa amaze gukora imenyekanishamusoro ry'umwaka mu gihembwe ndetse akanishyura umusoro usabwa, atangira gutanga avansi ashingiye ku musoro yatanze ni ukuvuga ko bitarenze ukwezi kwa Kamena avansi ya kabiri akayitanga bitarenze ukwezi kwa Nzeri avansi ya gatatu akayitanga bitarenze ukwezi kw'Ukuboza.

10. Ese izo avansi zitangwa ryari?

1. Avansi ya mbere itangwa bitarenze tariki ya 30 Kamena
2. Avansi ya kabiri itangwa bitarenze tariki ya 30 Nzeri
3. Avansi ya gatatu itangwa bitarenze tariki ya 31 Ukuboza
4. Imenyekanisha musoro ry'umwaka rigakorwa bitarenze tariki ya 31 Werurwe y'umwaka ukurikira ukorerwa imenyekanisha.

11. Ese hari ibihano biteganyijwe iyo umusoreshwa atamenyekanishije ku igihe avansi (acomptes) ku musoro ku nyungu?

Ni koko hari ibihano biteganywa.
Ibihano biteganywa ntibireba gusa usora umusoro ku nyungu bireba n'ubukererwe bwo gukora imenyekanisha y'avansi ku musoro ku nyungu.

Ibihano bijyanye no kutamenyekanisha ku gihe biteye ku buryo bukurikira:

1. Umusoreshwa muto acibwa amande angana 100.000 Frw
2. Umusoreshwa ucirititse acibwa amande angana 300.000 Frw
3. Umusoreshwa mu nini acibwa amande angana 500.000 Frw